## URUKIKO RW'IKIRENGA

Urukiko rw'Ikirenga ruyoborwa na Perezida wungirijwe na Visi-Perezida. Bombi bagira manda y'imyaka umunani (8) idashobora kongerwa (Ing. 142 y'Itegeko Nshinga). Muri iki gihe Urukiko rw'Ikirenga ruyobowe na Prof. Sam RUGEGE wagiyeho ku wa 14 Ukuboza 2012.

Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rukiko rukuriye izindi. Ibyemezo byarwo ntibijuririrwa uretse ibyerekeye imbabazi n'isubirwamo ry'urubanza. Byubahirizwa n'abo bireba bose, zaba inzego za Leta, abayobozi bose b'imirimo ya Leta, aba gisiviri, aba gisirikare, abo mu rwego rw'ubucamanza n'abantu ku giti cyabo (Ing. 144 y'Itegeko Nshinga).

Urukiko rw'Ikirenga rushinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

1. Kuburanisha mu mizi ibirego birebana n'ubujurire bw'imanza zaciwe ku rwego rwa mbere no ku rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ndetse n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, mu buryo buteganyijwe n'amategeko;
2. Gukurikirana ko inkiko zikurikiza amategeko, guhuza no kugenzura ibikorwa byazo;
3. Gufata icyemezo ku birego birebana n'uko amasezerano mpuzamahanga, amategeko ngenga, amategeko n'amategeko-teka anyuranye n'Itegeko Nshinga;
4. Gukemura, rubisabwe, impaka zerekeye inshingano zivutse hagati y'inzego za Leta;
5. Guca imanza zerekeye amatora ya referendumu, aya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko;
6. Kuburanisha mu manza z'inshinjabyaha mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;
7. Kwakira indahiro ya Perezida wa Repubulika;
8. Kuburanisha Perezida wa Repubulika kubera icyaha cyo kugambanira Igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana. Muri icyo gihe icyemezo cyo kumuregera Urukiko gifatwa n'abagize Umutwe w'Abadepite na Sena bateraniye hamwe binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize buri Mutwe;
9. 
10. Kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho igihe yapfuye, yeguye, yakatiwe igihano n'urukiko kubera icyaha cyo kugambanira Igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana;
11. Ku birebana n'imiterere y'inzego z'ubucamanza, Urukiko rw'Ikirenga rushobora kugeza kuri Guverinoma umushinga wose w'ivugurura rigamije inyungu rusange;
12. Kuburanisha ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umudepite cyangwa Umusenateri;
13. Gutanga ibisobanuro mpamo ku muco gakondo utanditse mu gihe amategeko yanditse ntacyo abivugaho. Itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga. (Ing. 145)

Urukiko rw'Ikirenga ruyoborwa na Perezida wungirijwe na Visi-Perezida hamwe n'abandi bacamanza cumi na babiri (12). Bose ni abacamanza b'umwuga. Bibaye ngombwa itegeko ngenga rishobora kongera cyangwa kugabanya umubare w'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga. (Ing. 146).

Perezida, Visi Perezida n'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Perezida wa Repubulika abanza kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Perezida, Visi Perezida n'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga bashobora kuvanwa ku mirimo yabo kubera kwitwara nabi, kudashobora akazi cyangwa gukora ikosa rikomeye ku kazi bisabwe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa Sena ku bwiganze bw'amajwi bwa bitatu bya gatanu (3/5), bakavanwaho n'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize buri Mutwe. (Ing. 147).

Perezida wa Repubulika amaze kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza ashyikiriza Sena urutonde rw'abakandida bangana n'imyanya y'abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga isabirwa kuzuzwa, kugira ngo ibemeze. (Ing. 148).